# IKINYAMAKURU
# INTWARARUMURI



Unity Club

*"Towards a common goal"*

*Bafatanyabikorwa,*
*Nshuti, Basomyi,*

Twishimiye kubagezaho amakuru y'ingenzi ku bikorwa byacu byo mu bihembwe bibiri bya mbere by'umwaka wa 2023/2024, uhereye muri Nyakanga ukageza mu Ukuboza 2023. Ibikorwa tubamurikira muri iki kinyamakuru cyacu "Intwararumuri" bishingiye kuri gahunda n'imishinga itandukanye ya Unity Club igamije guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda n'imibereho myiza yabo, byo nkingi y'amahoro n'iterambere birambye.



## IBIRIMO


| | | |
|---|---|---|
| 1 | INTEKO RUSANGE N'UMWIHERERO | P04 |
| 2 | IHURIRO RYA 16 | P08 |
| 3 | GUSHIMIRA ABARINZI B'IGIHANGO (UNITY AWARD 2023) | P12 |
| 4 | NDI UMUNYARWANDA MU MASHURI MAKURU NA KAMINUZA | P14 |
| 5 | UMUSHINGA ICDP UGEZE AHARYOSHYE! | P16 |
| 6 | ABABYEYI B'INTWAZA BAHAWE IMPANO Z'IMINSI MIKURU | P18 |
| 7 | UNITY CLUB IKOMEJE GUSHYIGIKIRA ABAGENERWABIKORWA BAYO BATUJWE I KANEMBWE | P20 |
| 8 | ANDI MAKURU | P21 |

# 01 INTEKO RUSANGE N'UMWIHERERO




## Kuba mutima w'igihugu ntabwo byatunanira.

**Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME**
*Umuyobozi Mukuru wa Unity Club atangiza imirimo y'Inteko Rusange n'Umwiherero wa 4*

Tariki 28 Ukwakira 2023 ku Intare Conference Arena i Rusororo mu mujyi wa Kigali, habaye Inteko Rusange ya Unity Club yahujwe n'Umwiherero wa kane w'abanyamuryango.




*Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Nyakubahwa Jeannette KAGAME atangiza Inteko rusange n'Umwiherero wa kane w'Abanyamuryango*









Imirimo y'iyi nama yatangijwe kandi inayoborwa na Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri.

Mu ijambo rye yagarutse ku ndangagaciro n'imyitwarire ikwiye kuranga Intwararumuri, asaba abanyamuryango gukomeza kuba umusemburo w'impinduka nziza aho batuye n'aho bakorera.

Yakomeje asaba abanyamuryango, guhora biyibutsa za nshingano nyabutatu (Triple Roles) z'umugore: Umugore nka Mutima w'urugo, Umugore nk'Umuyobozi, Umugore nk'Umubyeyi n'Umurezi.

**Turi ba mutima w'urugo, rero kuba mutima w'Igihugu ntabwo byatunanira!**

Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME, yanahaye ikaze Abanyamuryango bashya 12 uyu muryango wungutse.




*Ijambo rya Nyakubahwa Jeannette KAGAME atangiza Inteko Rusange n'Umwiherero wa 4 w'abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri*

**Reba Video**

## Ni iki Unity Club yagezeho muri 2022/2023?




Muri iyi nama y'Inteko Rusange kandi Umunyamabanga Nshingwabikorwa Mme Régine IYAMUREMYE, yamurikiye abanyamuryango **raporo y'ibikorwa byagezweho n'umuryango mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022/2023 n'ibiteganyijwe mu wa 2023/2024.**



Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club yagaragaje ko mu by'ingenzi byakozwe n'umuryango muri 2022/2023 harimo:

- Inteko Rusange
- Ihuriro ngarukamwaka rya 15 rya Unity Club Intwararumuri
- Ibiganiro ngarukakwezi kuri Radio na Televisiyo (RBA)
- Umushinga wo Kwimakaza Ndi Umunyarwanda
- NDU Integration Project mu mashuri Makuru na Kaminuza 20
- Kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi 1994
- Umushinga w'Iterambere rikomatanyije "Integrated Community Development Project mu Karere ka Huye
- Gusakaza ubushakashatsi bwakozwe na Unity Club ku bice byihariye by'urubyiruko rwagizweho ingaruka na Jenoside yakorewe Abatutsi 1994

Ibi bikorwa birakomeje mu mwaka 2023/2024.

Soma Ubushakashatsi bwakozwe na Unity Club

Icyegeranyo: Incamake y'ibikorwa bya Unity Club Intwararumuri byamuritswe mu Mwiherero wa 4






## 02 IHURIRO RYA 16 RYA UNITY CLUB

Ihuriro ngarukamwaka rya 16 rya Unity Club ryabereye ku Intare Conference Arena ku nsanganyamatsiko yagiraga iti: **"Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo-ngenga cy'ukubaho kwacu".** Iri huriro ryitabiriwe n'abanyamuryango ba Unity Club, Abayobozi mu nzego zinyuranye z'Igihugu, abahagarariye urubyiruko, abahagarariye amadini n'imiryango ishingiye ku myemerere na sosiyete sivile, bose hamwe bakabakaba 400.


Imirimo y'Ihuriro rya 16 rya Unity Club Intwararumuri yatangijwe kandi iyoborwa n'Umuyobozi Mukuru wayo, Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME.
Mu ijambo rye, yongeye gushimangira ko ubumwe ari amahitamo ntakuka y'Abanyarwanda, yibutsa urubyiruko ko bafite inshingano zo kubusigasira.

> **Twahisemo kuba umwe. Icyo twiyemeje ni u Rwanda rudaheza, u Rwanda rw'abunze ubumwe, barukunda, barukorera, kandi bakarurinda.**



Aha Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME yunzemo ati:

> **Bana bacu, ni mwe Igihugu gitezeho imbaraga n'ubushobozi buzasigasira uwo musingi twubatse. Mwiteguye mute kwakira iyo nkoni y'abarinzi ba Ndi Umunyarwanda? Tubivuga kenshi ariko ntacyo bitwaye kubisubiramo, ntimuri bato bo kutumva umurongo Igihugu cyihaye".**



*Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME atangiza Ihuriro ngarukamwaka rya 16 rya Unity Club*


**Reba Video**

## Ishusho y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda

Ni ikiganiro cyatanzwe na Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Jean Damascène BIZIMANA, aho yagaragaje ibikibangamiye ubumwe bw'Abanyarwanda n'ingamba zo kubikemura hagamijwe gushimangira Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Banyarwanda.




*Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Jean Damascène BIZIMANA*



*Umurinzi w'Igihango, Mgr Servilien NZAKAMWITA, atanga ibitekerezo mu Ihuriro rya 16*

Minisitiri Dr. BIZIMANA yatangaje ko ubumwe bw'Abanyarwanda buhagaze neza ku gipimo cya 94,7% hagendewe ku byavuye mu bushakashatsi bwakozwe mu mwaka wa 2020 ariko agaragaza ko hari ijanisha ritaragerwaho.Yagize ati:

> **N'ubwo ibyo bipimo ari byiza cyane, ntibigeze ku ijana nk'uko byifuzwa. Ubushakashatsi bwerekanye ko 5.3% y'abatibona mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge, bigaragara ko hakiri intambwe yo gutera, kuko turangaye, abo bake bashobora gukomeza kubangamira intego Abanyarwanda bihaye yo kuba umwe"**

**Reba video**



## Ndi Umunyarwanda, ingabo n'urukingo

Muri iri huriro kandi, urubyiruko ndetse n'Abakuru batanze ikiganiro nyunguranabitekerezo ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ndi Umunyarwanda, ingabo n'urukingo".




***Ikiganiro cy'urubyiruko:*** *Uhereye ibumoso, TETERO Solange, KAYIGI Fred (Andy BUMUNTU), UWIMBABAZI MAZIYATEKE Sandrine, MUDAHEMUKA Audace*

Iki kiganiro cy'urubyiruko cyibanze by'umwihariko ku buryo Ndi Umunyarwanda yayobora amahitamo y'urubyiruko mu kwihesha ishema no kubarinda ibyashaka kubatanya. Cyanagarutse kandi ku bibazo bikigaragara mu rubyiruko bibangamiye Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda ndetse n'u Rwanda urubyiruko rwifuza mu gihe kiri imbere n'indangagaciro zarufasha kubigeraho.

**Reba video**

Ikiganiro cyakurikiwe n'icyatanzwe n'Abakuru cyasubizaga ibibazo urubyiruko rwibazaga mu kiganiro cya mbere.



*Uhereye ibumoso: Cléophas BARORE uyoboye ikiganiro, Domitilla MUKANTAGANZWA, Rev. Pastor Isaïe NDAYIZEYE, Irène UWONKUNDA, Gen (Rtd.) James KABAREBE*

**Reba video**

## 03 GUSHIMIRA ABARINZI B'IGIHANGO (UNITY AWARD 2023)




*Abarinzi b'Igihango bakiriho ndetse n'abahagarariye Abarinzi b'Igihango bitabye Imana bari kumwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe Dr. Edouard NGIRENTE*

Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Igihugu barindwi, Abanyamahanga bane n'Abanyarwanda batatu, bahawe Ishimwe ry'ubumwe, Unity Award 2023. Icyakora bane muri bo baratabarutse. Hari mu gitaramo cyo kwizihiza abarinzi b'Igihango ari nacyo cyasoje Ihuriro ngarukamwaka rya 16 rya Unity Club Intwararumuri.

Minisitiri w'Intebe yashimiye Abarinzi b'Igihango ku bw'ibikorwa by'indashyikirwa byatumye bahabwa Ishimwe ry'Ubumwe rya 2023.

> **Ndabashimira ubutwari no kwitanga mwagiye mugaragaza mu gihe cyari kibi cyane, kurinda igihango no gukomeza kwitwara neza ni ingenzi kugirango mukomeze kuba urumuri aho mutuye.**

*Minisitiri w'Intebe Dr. Edouard NGIRENTE*

Menya Abarinzi b'Igihango 7 bahawe Ishimwe ry'Ubumwe ku rwego rw'IgIhugu

**Reba video**



## Imyanya dufite tuyikoreshe mu nyungu z'Igihugu

*Minisitiri w'Intebe asoza Ihuriro*

Mu izina rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME, Ihuriro rya 16 rya Unity Club ryasojwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe Dr Edouard NGIRENTE.




Mu ijambo rye, Minisitiri w'intebe yashimiye Unity Club ihora itegura iri huriro buri mwaka, avuga ko ibiganiro biritangirwamo ari ingirakamaro kuko bikomeza kwibutsa Abayobozi inshingano zabo ndetse bikanabahwitura. Yibukije Abayobozi indahiro barahira bagiye gutangira inshingano, by'umwihariko aho bagira bati: "ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite", abasaba kudatatira igihango bafitanye n'u Rwanda n'Abanyarwanda.

> **Imyanya dufite tuyikoreshe mu nyungu z'Igihugu, tureke gukoresha imyanya dufite mu nyungu zacu bwite cyangwa iz'imiryango yacu".**

*Minisitiri w'Intebe Dr. Edouard NGIRENTE*

Ijambo rya Minisitiri w'Intebe Risoza Ihuriro Rya 16 Rya Unity Club

**Reba video**

# 04 NDI UMUNYARWANDA MU MASHURI MAKURU NA KAMINUZA



Icyiciro cya 3 cy'umushinga wo kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu Amashuri Makuru na Kaminuza cyarasojwe.



*Hon. Marie Solange KAYISIRE, Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere wa Unity Club, ageza ijambo ku bitabiriye umuhango wo gusoza amarushanwa 2023.*

Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere wa Unity Club, Hon. Marie Solange KAYISIRE, mu ijambo rye yongeye gushimangira akamaro ka Ndi Umunyarwanda.

> **Ndi Umunyarwanda nidufashe kongera kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda bwasenyutse bugaruke, bushinge imizi kandi Abanyarwanda bose bumve ko ari bamwe, bafite uburenganzira bumwe, bityo tuzasigire abana bacu u Rwanda ruzira amacakubiri".**

**Bimwe mu bikorwa byaranze icyo cyiciro cyasojwe harimo:**

Amahugurwa y'abarimu n'Abatahira bo ku rwego rw'Akarere amashuri aherereyemo; ibiganiro n'amarushanwa ku rwego rwa buri shuri rikuru cg kaminuza; amarushanwa mu ndirimbo n'imivugo ku rwego rw'igihugu.

Ku rwego rw'Igihugu aya marushanwa yabereye mu mashuri makuru na kaminuza 20, yitabirwa n'abanyeshuri 40 babaye aba mbere mu ndirimbo n'imivugo, hatsinda ibihangano 11.



**Amafoto**

Irebere mu maforo uko byari byifashe hasozwa icyiciro cya 3 cy'umushinga "Ndi Umunyarwanda Integration Project in Higher Learning Institutions"










**Kureba andi mafoto**

# 05 UMUSHINGA ICDP UGEZE AHARYOSHYE!

Huye: Inzu zubakirwa abatishoboye mu buryo bwa 4Together mu rwego rwo kubatuza neza Imiryango 21 kuri 26 iteganyijwe imaze gutuzwa binyuze muri uyu mushinga. Inzu 16 zubatswe mu buryo bwa 4Together ndetse zubatswe mu mezi 6 ya nyuma ya 2023, ziyongereye ku zindi 4 zubatswe mu mwaka wari wabanje, n'indi irasanwa.



*Huye: Inzu zubakirwa abatishoboye mu buryo bwa 4 together mu rwego rwo kubatuza neza*

Imiryango 21 kuri 26 iteganyijwe imaze gutuzwa binyuze muri uyu mushinga. Inzu 16 zubatswe mu buryo bwa 4Together ndetse zubatswe mu mezi 6 ya nyuma ya 2023, ziyongereye ku zindi 4 zubatswe mu mwaka wari wabanje, n'indi irasanwa.

## Amavu n'amavuko y'umushinga

Integrated Community Development Project, ICDP, ni umushinga w'Iterambere rikomatanyije ukorerwa mu Karere ka Huye, Umurenge wa Mukura, ahubatswe Impinganzima ituyemo Ababyeyi b'Intwaza bagizwe incike na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



Mu mudugudu wa Taba, Akagali ka Bukomeye, ahubatse urugo rw'Impinganzima ya Huye, hari hasanzwe imidugudu irimo uw'abagenerwabikorwa ba FARG, uw'abahoze mu ngabo, uw'Abanyarwanda birukanywe muri Tanzania batujwe na Leta ndetse na ba kavukire.

Isesengura ryakozwe ku mibanire n'imibereho y'abahatuye ryagaragaje uruhuri rw'ibibazo biterwa ahanini no kwironda gushingiye ku mateka n'inkomoko y'abawutuye, ubukene bukabije, amashyari n'ibindi. Mu rwego rwo gukemura ibyo bibazo no kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa muri uwo mudugudu, mu mwaka wa 2021, hatangiye umushinga ukomatanyije w'iterambere rirambye (ICDP-Integrated Community Development project).

Uyu mushinga ugizwe n'ibice 3 birimo:

1. Kuzamura urugo rw'Impinganzima
2. Kuzana Ibikorwa bihuza ababyeyi n'abaturanyi babo:
   - Kubaka irerero ry'Abana b'incuke (ECD)
   - Inzu mberabyombi ikorerwamo ubukangurambaga n'imyidagaduro
3. Kuzamura imibereho myiza y'Abaturanyi b'Impinganzima






*Bamwe mu bana bari kwiga muri ECD yubatswe binyuze muri uyu mushinga wa ICDP*

Aba baturage kandi barimo kubakirwa ibindi bikorwaremezo birimo isoko ryenda kuzura. Ni mu gihe kandi bazubakirwa inzu mberabyombi n'ibibuga by'imikino, inyigo zabyo zikaba zarakozwe.





*Isoko ririmo kubakwa mu mudugudu wa Taba, akagari ka Bukomeye, Umurenge wa Mukura mu karere ka Huye*

## 06 ABABYEYI B'INTWAZA BAHAWE IMPANO Z'IMINSI MIKURU



*Ababyeyi b'Intwaza bo mu mpinganzima ya Bugesera nyuma yo kwakira impano z'iminsi mikuru bagenewe na Unity Club*

Kwifatanya n'Ababyeyi b'Intwaza kwizihiza iminsi mikuru isoza umwaka bimaze kuba umuco muri Unity Club, dore ko iki ari igikorwa ngarukamwaka kirangwa n'ubusabane no gutanga impano mu mpinganzima zose.

Muri 2023 nabwo Intwararumuri ntizatanzwe, aho tariki 12 Ukuboza iyi gahunda yatangiriye mu rugo rw'impinganzima ya Bugesera, ikomereza Huye na Nyanza, isorezwa mu mpinganzima ya Rusizi tariki 18 Ukuboza 2023. Ababyeyi b'intwaza bifurijwe iminsi mikuru ndetse bagahabwa impano, bose hamwe ni 223 barimo Abagore 198 n'Abagabo 25.





*Kwifuriza Intwaza Noheli Nziza n'Umwaka Mushya Muhire bimaze kuba umuco w'Intwararumuri*



By'umwihariko kuri iyi nshuro Abahanzi barimo Josh ISHIMWE, Jules SENTORE ndetse n'amatorero URUGANGAZI n'INDATEGWA za Rusizi basusurukije Ababyeyi b'Intwaza barushaho kwishima no kwizihirwa.



*Josh ISHIMWE, umwe mu bahanzi basusurukije Intwaza*

Abo babyeyi bongeye gushimira Unity Club uburyo idahwema kubitaho, by'umwihariko baha Intumwa za Unity Club ubutumwa bw'intashyo ndetse no gushimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME na Madame Jeannette KAGAME.

Buri Mushyitsi Mukuru, aho yabaga yoherejwe mu Mpinganzima, yongeye kwibutsa ubutumwa bwatanzwe na Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, mu muhango wo kuremera Ababyeyi bagizwe incike na Jenoside yakorewe Abatutsi wabaye tariki 3 Nyakanga 2016 mu karere ka Huye, aho yagize ati:

> **"Ndasaba buri wese utuye hafi y'aba babyeyi rwose kubabera ijisho, tukabafata nk'abacu, kuko ikigero bagezemo bakeneye ubahereza akabando basindagiriraho."**



*Prof. Jolly MAZIMHAKA, niwe wari Umushyitsi Mukuru ubwo iki gikorwa cyatangiraga mu Mpinganzima ya Bugesera*

**Reba video**

## 07 UNITY CLUB IKOMEJE GUSHYIGIKIRA ABAGENERWABIKORWA BAYO BATUJWE I KANEMBWE



*Abakozi ba Unity Club bifatanyije na IP Eric MUTUYIMANA, yasezeranye byemewe n'amategeko mu Murenge.*

Imyaka icumi (10) irashize Unity Club yita ku bana 22, yubakiye kandi ikabatuza i Kanembwe mu Mudugudu wa Bushengo, Akagari ka Gikombe, Umurenge wa Rubavu, mu Karere ka Rubavu.

Nubwo uyu mushinga warangiye, ntibikuraho gukomeza kubaba hafi.

Tariki ya 05 Kanama 2023, umwe mu batujwe na Unity Club i Kanembwe, Inspector of Police Eric MUTUYIMANA yagize ubukwe, yatewe inkunga n'abanyamuryango ba Unity Club, ndetse abakozi bo mu bunyamabanga nshingwabikorwa bizihiza ibirori by'uwo munsi.

Tariki ya 04 Ukuboza 2023, na none, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwasuye abatujwe i Kanembwe, bahabwa ibiganiro ku nsanganyamatsiko yagiraga iti: **"Kurinda ibyagezweho no kubyongera"**, banabagenera impano. Kubasura kandi byari bigamije kwereka abakozi bashya imishinga yatangijwe na Unity Club.



*Abakozi bo mu bunyamabanga bwa Unity Club ubwo basuraga abatujwe mu Mudugudu w'i Kanembwe*



## 08 ANDI MAKURU

Mu Nteko Rusange y'umuryango yabaye tariki 28 Ukwakira 2023 hakiriwe abanyamuryango bashya umuryango wungutse mu bihe bishize, banahabwa ikaze mu Ihuriro rya 16 nk'amaboko mashya. Abo ni:

1. Mme Elytha MUNGANYIMANA na Hon. Jean Claude MUSABYIMANA
2. Mme Peace UWIMBABAZI na Dr. Sabin NSANZIMANA
3. Mme Diana KAMILI na Dr. Yvan BUTERA
4. Mme Nassin UWIMANA na Hon. Jean Népo Abdallah UTUMATWISHIMA
5. Col. Séraphine NYIRASAFARI na Hon. Juvénal MARIZAMUNDA
6. Hon. Jeanine MUNYESHULI
7. Hon. Sandrine UMUTONI na Mr Robert KAINAMURA
8. Mme Alice UMUGWANEZA na Hon. Dr. Jimmy GASORE

### Ubunyamabanga Nshingwabikorwa nabwo bwungutse amaraso mashya!

Umwaka wa 2023 warangiye Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'umuryango bwungutse izindi mbaraga nyuma yo kubona abakozi bashya. Abo ni Madamu Egidie MUKARURANGWA: Program Manager, Divin UWAYO: Public Relations and Communication Specialist ndetse na Jean d'Amour IRANKUNDA KAYONGA: Advisor to the Executive Secretary.

## Abakozi bashya ba Unity Club bakiriwe.



**Egidie MUKARURANGWA**
*Program Manager*



**Jean d'Amour IRANKUNDA KAYONGA**
*Advisor to the ES*



**Divin UWAYO**
*PR & Communication Specialist*

## Ibikorwa by'ingenzi biri imbere

Umuryango Unity Club, urangajwe imbere n'Umuyobozi Mukuru wawo, Nyakubahwa Mme Jeannette KAGAME, urakataje mu bikorwa bituma ugera ku ntego zawo.
Ibimaze kugerwaho ni byinshi ariko urugendo rurakomeje. Ni muri urwo rwego mu bihe biri imbere uyu muryango uzakomeza ibikorwa byawo birimo:

- Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi
- Gutangiza icyiciro cya IV cy'umushinga Ndi Umunyarwanda Integration Project
- Gushimira Abafatanyabikorwa ba Unity Club mu mwaka 2023-2024
- Kuvugurura Impinganzima ya Bugesera
- Kuvugurura no kwagura Impinganzima ya Nyanza
- Gukomeza ibikorwa bya ICDP Huye birimo kubakira abaturanyi 1x4together, gusana inzu 1 no gutangira kubaka inzu mberabyombi.









Unity Club

"Towards a common goal"

## Turashimira Abafatanyabikorwa bacu

| | | |
|---|---|---|
| Repubulika y'u Rwanda | imbuto foundation | Development Bank of Rwanda BRD We empower you |
| AGACIRO Development Fund | GiRiRAME | PSF FSP |
| RBA Rwanda Broadcasting Agency | Corps Africa | bk Foundation |
| | cogebanque simple & possible | RSSB Our Health Our Future |
| MTN | IHS Towers of strength | CrystalConnect |
| Crystal Ventures Ltd | | |